

Vsi MURANOVA Gor
Suite Approprie

A.

12-3-1981

AGISIDA Z'IMODOKA MU RWANDA:
INKOMOKO, INGARUKA ZAZO N'UBULYO BWO KUZILINDA

Par MAGAMBO François
Maître en Sciences
Géographiques

Kigali, Mars 1985.

AGISIDA Z'IMODOKA MU MUHANDA:

INKOMOKO, INGARUKA ZAZO N'UBULYO BWO KUZILINDA.

UMUSOGONGERO

Mu Rwanda, umuntu yitegereje uko imodoka zigenda mu muhanda, akumva n'uko amaradiyo aranga abishwe na zo, yahita avuga nk'umugabo w'umurumani (witwa Ion Grigorescu) wanditse mu kinyamakuru cy'iwabo amaze kwitegereza bene ibyo mu gihugu cye, agira ati: "Agisida z'ibigenda mu muhanda niba atali indwara y'icyo-rezo yadutse mu mpera z'ikinyejana cya 20, umuntu yakwivugira aseka ko twibera mu isi ilimo "abasazi benshi"! (Yavuzaga abashoferi).

Dore n'ejobundi (mu myaka ishize) ni ho abalimu babili b'abanyamerika Richard Kleinerman na Arthur W. Galston bo muli Kaminuza y'i Yale bavugaga mu myanzuro y'ubushakashatsi bakoze kuby'agisida (bagira) bati: "Bibaye ubwambere mu mateka ukubaho k'umuntu kuli iyi si bitagiterwa no kwilinda ibibi yayisanzeho (indwara, imitingito, amapfa, imyuzure, ...) ahubwo biterwa no kwilinda ibyo yikoreye ubwe!" Muli ibyo rero umuntu yikoreye halimo n'imodoka, ali na zo zitera 70% z'impanuka zose zibaho ku isi, tutibagiwe n'ingaruka mbi zazo umuntu atarondora. Icyo kibazo rero kiravugwa ku isi yose, aliko no mu gihugu cyacu usanga ibyo bintu bikabije.

1. AMATEKA Y'IMODOKA N'AGISIDA KU ISI

Kera imodoka zicyaduka, umwanditsi w'umufaransa Hugues Le Roux yigeze kuganyira uwalindaga umutekano mu muhanda, agira ati: "Rwose muli uyu mugoroba imodoka yali inyiciye hamwe n'umugore n'abana. Twitembereraga iruhanda rw'umuhanda maze itunyura iruhande yirukanka nk'imbwa yasaze kandi nta nimeru yali ifite ngo nzamenye nyirayo (icyo gihe nta nimeru zagiraga koko)"! Undi yaramushubije ati: "Ese twagira dutse ko abafite imodoka bazi ko kwihuta cyane bituma badafatwa"! Nyamugabo ntiyashizwe ahubwo yahise ^{kuruhamba} ajya ^{agira} ku mutegeka wabo mukuru ati: "Niba nta umutekano mu muhanda ushobora kugerwaho nk'uko ababishinzwe babyivugira, kuva ubu jyewe nzajya nitwaza imbunda ndase umuntu wese utwara imodoka nk'umusazi"! Ubwo hali italiki ya 6 Kamena 1896. Icyo gihe ni na ho byavuye gushyira ku modoka ibyapa biliho nimeru! Ntibyataye kabili, muli Kanama uwo mwaka (1896) ni ho Brigitte Driscoll akoze agisida ya mbere izwi neza. Ubu se mu Rwanda mu wa 1985 natwe tuzakore nk'uwo mugabo? Tuzajye twitwaza amacumu n'imipanga cyangwa imiheto byo kurwanyababo? Iyo ntambara yahitana benshi! Nta gitangaza nko kubona umushoferi utwaze imodoka mu muji agendera mu ijana kandi atali mu isiganwa kandi hali n'ibyapa bimubuza kugendera muli iyo vitesi.

Ubwo se koko aba ali mutaraga ? Hali n'imodoka zigenda nijoro nta nimero zifite cyangwa amatara agaragaza nimero z'imodoka atabona. Izo rero ni zo zikora amahano mu kwica nq kwibishwa. Ku byerekeye amateka y'imodoka twavugaga ko umwaka wa 1985 utwibutsa ko hashize imyaka nk'ijana imodoka ya mbere y'ukuli (inywa lisansi) ikozwe n'abagabo babili Gottlieb Daimler na Karl Friedrich Benz (Mata 1885) n'imyaka 89 kuva agisida ya mbere y'imodoka izwi neza ibaye. Ababisuzumye icyo gihe, basanze iyo agisida yaratewe ahanini n'uburungare bw'umushoferi kuko ngo iyo modoka yagendaga kilometero 6 mu isaha imwe! Naho ubu zirenze kilometero 300 mu isaha.

Icyo gihe kandi nta wakekaga ko mu gihe gito, agisida z'imodoka zizahinduka:

- umwanzi wa mbere w'abatuye isi;
- icyorezo kitarobanura;
- imwe mu miti yo kugabanya ubwiyongere bw'abantu;
- n'imwe mu ndwara zica cyane.

Muli iki gihe tulimo, ikibazo cy'agisida z'imodoka kiravugwa cyane mu gihugu cyacu, aliko no mu bindi ^{bihugu} ho si shyashya. Umuntu ashubije amaso inyuma (asubiye nko mu mateka) asanga ko, nk'uko twavuze mbere, icyo kibazo atali icya vuba, ahubwo gisa nk'aho cyatangiranye n'umwaduko w'imodoka.

Uko imodoka zagiye ziyongera mu bihugu byose zirushaho no kunyaruka cyane, uko imihanda yagiye irushaho kuba myinshi ni na ko agisida na zo zagiye ziyongera ku bulyo mu bihugu bimwe, cyane cyane mu bihugu bikennye, bazigereranya n'indwara z'icyorezo. Birumvikana ko mu bihugu bikize ali ho hali imodoka nyinshi cyane kuko akenshi bazikorera, naho mu bihugu bikennye ho ziracyali nkeya. Abakulikiraniye hafi ubwiyongere bw'imodoka bemeza ko ziyongereye vuba cyane ku bulyo mu wa 1901, ku isi yose hali imodoka ibihumbi 10.000, mu wa 1948 zali nka miliyoni 53 (53.000.000), mu wa 1984 zageraga kuli miliyoni 300 (300.000.000), naho mu wa 2.000 hataganyijwe ko zizagera kuli miliyoni 450 (450.000.000). Abakoze ankete zerekeye agisida ziterwa n'imodoka na bo basanze ko muli iki gihe, buli muni imodoka zihitana abantu barenga 800, zikanakomeretsa abarenga ibihumbi 25. Ni ukuvuga ko buli mwaka ku isi yose imodoka zivugana abantu bagera ku bihumbi 300 (300.000), naho abo zikomereza bakabakaba miliyoni 10 (10.000.000), tutibagiwe n'ibintu byangilika bitabalika. Iyi mibare iratwereka neza ko, n'ubwo imodoka zidufitiye akamaro bwose, ziranangiza cyane.

Ankete zigeze gukorwa n'Umulyango w'isi yose wita ku buzima (OMS) ku bantu ibihumbi 500 bo mu bihugu binyuranye, zerekanye ko bu bakozije bapfa 50% baba bahitanywe n'imodoka, ku basore n'inkumi bapfa bafite hagati y'imyaka 15 na 25, 65%

.../...

baba ali zo bazize (dore ko abafite icyo kigero ali bo bakunda imodoka cyane). Nanone ibyo biboneka cyane cyane mu bihugu bifite imodoka nyinshi. Naho ugereranyije n'abapfa bose ku isi, 1/3 gihitanwa n'agisida z'imodoka. Ni aho kumirwa!

Umugabo uzi gusetsa ^{yigeze} kugereranya agira, ati: "Naba n'iyi abasilikare bagiye ku rugamba bashobora gutekereza ko bazatsinda bakaba mu ituze, cyangwa n'iyi batsindwa bagafatwa iyo barekuwe, basubira iwabo. Naho iyi umuntu agenda mu modoka aba asa nk'aho ali mu ntambara y'isi yose itazashira, yitegura kuba ibilyo by'imodoka (yaba iye cyangwa iy'abandi)"! Koko rero ni ko bimeze! Ibyo ali byo byose abantu nta kundi bagenza. Ni amajyambere! Aliko se koko tuzemere dutse- mbwe n'ibyo "biliba by'imipira ine" abakire bamwe n'abakunda amaraha cyane bagize ibigirwamana!?

Nanone iyi ugereranyije umubare w'imodoka n'uw'abapfa, usanga mu bihugu bikennye naho haba agisida nyinshi, kandi n'ingaruka mbi zazo ni ho zikabya cyane: haba mu bukungu bw'igihugu, haba ku bantu n'imilyango yabo, haba no kubidukiki- je. Umuntu yakwibazaga ati: "Ese ko mu bihugu bikennye hali imodoka nkeya, kandi zihageze vuba, n'abaturege batuye imijyi bakaba atali benshi, kuki haba agisida nyinshi? Igisubizo turagisanga ku ngero z'ibibera mu gihugu cyacu.

2. MU RWANDA bite ?

Imodoka ya mbere yageze mu gihugu cyacu mu wa 1927. Nyuma yaho imodoka ziyongereye urusorongo ku bulyo twavugaga ko zamenyekanye bihagije nyuma y'i 1950. icyakora kugeza mu wa 1961, ubugenzuzi bw'imodoka zo mu Rwanda no mu Burundi bwali i Bujumbura. Muli iyi myaka ishize (nyuma ya 1975) ni ho twavugaga ko ziyongereye cyane. Uko imodoka ziyongera ni ko n'imihanda yagiye iba myinshi ndetse imwe n'imwe igenda itunganywa neza. Nk'uko abenshi ^{ga} mwabyiboneye kandi muhora mubyumva, ibyo byose byatuma agisida ziba nyinshi, cyane cyane kuva n'aho Amasosiyete y'Ubwishingizi aziye mu Rwanda, kubera ko hali abazikora bavugaga ngo byose bizalihwa. Zaba imodoka, abapfuye, abakomeretse n'ibyangilika byose ngo bilihwa n'ayo masosiyete.

Tugereranyije dusanga mu Rwanda buli muni haba agisida ^{zirenga 10;} ni ukuvuga nka 4.000 mu mwaka. Ni nyinshi cyane rero ugereranyije n'imodoka dufite (ntizirenga 24.000). Abapfa, abakomeretse n'ibintu byangilika muli izo agisida ntibigira ingano. Ubu se ko ibyo byose biba imijyi yacu igifite abaturage bake, n'imodoka zikaba zikili nke, ndetse n'abanyarwanda bakaba bataramenyara ibyo gutembera cyane,

.../...

umunsi byiyongereye hazacura iki ? Umuzungu yigeze guseka yumvise ko mu Rwanda, cyane cyane i Kigali, haba za agisida nyinshi. Ati: "Umujyi ulimo imodoka ebyili, ubwo agisida ziterwa n'iki"? Yenda yashakaga kuvuza ko hali imodoka nkeya ugereranyije no mu mijyi y'iwabo! Alike se koko ntibibabaje kubona imodoka nk'ibihumbi bingaha mu gihugu cyose zilirwa zitimbura abantu kandi mu mijyi minini ituwe n'abantu barenga nka miliyoni 4 hali n'imodoka ibihumbi amagana, bushobora kwira nta agisida n'imwe ibaye ?

2.1. IMPAMVU ZITERA agisida z'imodoka mu Rwanda.

Impamvu zitera agisida mu Rwanda ni nyinshi, icyakora umuntu ashobora kuvuza ko iz'i ngenzi muli zo ari eshanu. Hali izikomoka ku:

2.1.1. UMUSHOFERI (utwara imodoka wese) kubera kutamenya neza imodoka icyo ari cyo no kutinyumvisha agaciro k'umuntu, kunywa inzoga nyinshi n'ibindi biyobyabwenge, uburwayi, inzara no gusinzira utwaye imodoka, uburere buke buvanze n'umwirato, agasuzuguro no kurangara, kudakulikiza amategeko y'umuhanda: gutwara imodoka batagenewe ^{cyangwa} badafite uruhusa, kwihuta cyane, kurenza ibipimo imodoka yagenewe gutwara (gute-ndeka), kuyishora itanywa lisansi, gutwara imodoka irwaye, kutamenya no kutita ku bimenyetso byo ku muhanda, gutwara imodoka batekereza ibindi bibazo byinshi cyangwa bambaye ibyuma by'imiziki no gutwalisha akaboko kamwe akandi gakora ibindi, n'ibindi.

2.1.2. IMODOKA

Kubera ko zishaje; cyane cyane izapfuye ibyuma bimwe na bimwe bigatuma zitagenda neza: nka feri, amatara, vola (dirigisiyo) ijegera kubera za rotire zishaje, za vitesi, imipira ishaje cyane (kuko ikunda gutoboka kandi ikanyerera) cyangwa idahaze neza, ibyuma bituma ishobora gushya, parabolize, imitako bongera mu modoka, izapakiye birenze urugero, n'ibindi...

2.1.3. IMIHANDA

Kubera ko ikoze nabi, yacitse inkangu, ilimo imikuku n'imyobo, amabuye n'icyondo, ifunganye cyangwa inyerera, ifite ibyapa bikeya cyangwa bidasobanura bihagije, ihanamye cyane cyangwa ifite amakoni menshi mabi, n'ibindi.

2.1.4. ABAGENZA AMAGURU

Kubera uburangare bwinshi no kutajijukirwa kwabo mu byerekeye amategeko y'umuhanda no kunyuzwa amatungo n'ibindi bintu mu muhanda.

2.1.5. UKO IBIHE BIMEZE

Imvura nyinshi y'amahuhezi, amazi yuzuye mu muhanda, ibihu byinshi, umuyaga, imyotsi, umukungugu n'izuba bikabije. Umuntu yakongeraho n'amakosa ya bamwe mu bashinzwe umutekano mu muhanda badakaze umurego kandi ntibahugure abantu cyane cyane abanyamaguru, bakishimira gusa gufata abashoferi bali mu makosa.

.../...

Aliho iyo ufatiye izo mpamvu zose hamwe, usanga abashoferi ali bo ba "nyirabayazana" ndetse limwe na limwe na ba shebuja badakoresha imodoka kugihe, kubera kubura amafaranga cyangwa kuyakunda cyane.

Hali na bamwe mu bakozi ba Leta bambura abashoferi babo imodoka ngo bitware kandi batazizi neza. Bene ibyo kandi biboneka no ku bantu baguze imodoka vuba bashaka kuzitwalira batarazimenya neza. Ibyo nanone bigirwa n'abakunda "kuroba", cyangwa n'insorezore ziyabonye vuba, zishaka kwerekana ubwenge zungutse! Aka wa mugani ngo "utunze imbwa vuba izuba lirava akayicyura"! Erega ngo naza mpusa zo gutwara imodoka zabaye impamyabukire aho kuba impamyabushobozi! Kuko ngo hambere, kuli bamwe, ntawayibonaga adatanze inyoroshyo cyangwa se bakazibona mbere yo kwiga imodoka, n'ibindi. Nanone muli izo mpamvu zose halimo nyinshi zitabashwa kugenzurwa kubera kubura ibikorresho. Ni yo mpamvu usanga mu Rwanda bavuga ko agisida ziterwa no: kwihuta cyane, kutabererekera, guca ku zindi modoka, kutubahiliza ibyapa, n'ibindi... kuko ali byo bigaragara gusa igihe cy'agisida kandi ni nabyo usanga muli za raporo nyinshi. Amakosa yose navuze areba n'amapikipiki n'abayatwara.

2.2. INGARUKA Z'AGISIDA

Agisida nyinshi cyane zihombya igihugu (Leta), zilica cyangwa zigakomeretsa abantu n'imilyango yabo ikahahombera, zangiza ibintu byinshi (nk'amazu n'ibindi) ndetse zikaba zahungabanya n'ibidukikije.

2.2.1. LETA IHOMBA ITE ?

Nanone kubera ko mu gihugu cyacu icyo kibazo cyititaweho cyane kuva kera (bitewe yenda no kubura amikoro n'abazobereye muli bene ibyo bibazo) ntabwo imibare mbonerahamwe y'ibyangilika byose n'igiciro cyabyo iboneka. icyakora hali ^{ingari} zimwe na zimwe zibitwumvisha:

- . nko mu wa 1983, umubare w'inkomere zivuliye mu Bitaro by'i Kigali gusa (Centre Hospitalier de Kigali) ni 4.782, muli abo 498 bashyizwe mu bitaro ndetse 6 muli bo baranahapfiliye. Mutekereze rero abagiye no mu bindi bitaro n'amavuliro yose mu Rwanda ndetse n'abandi batanditse bahita bapfa ntibajyanwe yo (kandi ni benshi), mwasanga rwose ibyo bintu bikabije. Ibyo bisaba rero imiti n'abavuzi benshi ndetse n'imyanya mu bitaro.
- . mu modoka zakoze agisida mu wa 1983 mu Rwanda hose halimo 253 za Leta zashwanyagulitse (déclassés) na 2.692 zabaruwe na SONARWA ikaba yaranazitanzeho amafaranga miliyoni 510 n'ibihumbi 852 (510.852.000 frw).

.../...

Inyinshi kandi zigwa zikili nshya. Ubwo ntihabuze n'izindi modoka n'amapikipiki bita-baruwe neza, kandi ni nyinshi.

Umuntu aramutse abaliye hamwe amafaranga yose akoreshwa mu byerekeye agisida z'imodoka; tuvuye nk'ayo SONARWA na SORAS byishyura n'atangwa n'Isanduka y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi, atangwa na Minisitari y'Ubuzima n'Imizamukire y'Abaturage n'Ibigo byigenga (ku miti, ku bitaro no mu kuvuze bamwe mu mahanga, cyangwa kuli pansiyu), atangwa na Leta kubera ibyangijwe n'imodoka zayo, atangwa mu isanwa ly'imodoka zangilika, n'aba yaratanze mu igurwa ly'izo modoka (iza Leta n'izitali izayo) zishwanyagulika, ahembwa abakoreshwa mu byerekeye agisida n'agenda ku bindi umuntu atarondora; yavuye nta shiti ko buli mwaka amafaranga ahitanwa n'ibibazo by'agisida arenga miliyari imwe n'ibihumbi 200 (1.200.000.000 frw)! Ni akayabo ukulikije umutungo w'igihugu cyacu. Kandi ubwo ntitwabaliyemo "agaciro nyakuli" k'abapfa, ububabare n'ingaruka ku milyango y'abapfuye ndetse n'ibindi Leta ihomba, kuko byose tutabasha kubibara mu mafaranga. Nk'abo bapfa bagombaga gukora (cyane cyane iyo bize) no gutanga imisoro, aliko iyo bamugaye Leta igomba no kubitaho. Ayo mafaranga twavuze rero ni nk'ikigereranyo, n'aho ubundi yagera no kuli miliyari ebyili. Nk'uko nabivuze mbere imibare nyakuli ntiboneka.

3.2.2. IMILYANGO

Imilyango y'abapfuye cyangwa abakomeretse iba itakaje byinshi cyane, kabone n'iyo balihwa na za sosiyeti z'ubwishingizi cyangwa Isanduka y'Ubwiteganyilize bw'abakozi, cyane cyane nk'iyo upfuye yali afite abana bato n'umugore cyangwa afite abandi yali ashinzwe kwitaho (nk'abasaza cyangwa abandi bavandimwe). Agahinda rero gatuma na bo bese basa nk'aho ntaho baba basigaye. Sinzi niba amafaranga bahabwa yasimbura ba nyakwigendera abo. Si ibyo gusa, kuko n'abakomeretse bajya mu bitaro, bakaba bahinduka ibimuga, imilyango yabo ikagomba kubitaho no kubatangaho byinshi.

3.2.3. IBIDUKIKIJE

Ibyo bimodoka bigwa bikurura umwanda n'imyuka mibi. Aho babirunze bitora ingese, bikaba byareka mu n'amazi akurura imibu itera indwara. Aho birunze nta n'ikindi bahakorera. Iyo myanda ishobora no gutembera mu mazi ikayanduza. Kubera ko biba byaratoye ingese iyo bikomerekeje umuntu, ashobora kuba yarwara tetanosi. Ushaka ingero z'ibyo bimodoka azigerere kuli za minisitari n'ibindi bigo bya Leta, mu bikali cyangwa imbere y'amazu amwe n'amwe.

4. UBULYO BWO KWILINDA AGISIDA

Ngirango ibibazo by'agisida ntawe utabizi, cyane cyane abashinzwe umutekano mu muhanda ndetse n'abo byaba byarahakuye. Aliko kugeza ubu, igisubizo babonye kuli ibyo bibazo (amakosa yose yo mu muhanda) hafi ya byose ni uguca umushoferi amafaranga, gufunga ^{imodoka}(?) igihe gito, cyangwa amasosiyete y'ubwishingizi akaliha ibyangijwe muli agisida byose!

Ku bwanjye rero mbona ibyo bidahagije. Amagara y'abantu arakomeye, nta kiguzi wayaha. Kandi mu mategeko arengera ikiremamuntu halimo ko "umuntu atagomba kuvutswa ubuzima bwe ku busa". Abatwara imodoka se ibyo barabizi?

Umuti rero w'ibyo byose ukubiye muli ibi bikulikira:

4.1. Gutanga impusa zo gutwara imodoka (permis de conduire)

Mu gutanga impusa zo gutwara imodoka, bagomba kurushaho kwiyumvisha neza ko izo mpapuro ali impamashyamba baba batanze koko. Ni yo mpamvu n'ikizamini gitangwa, cyaba icy'uruhusa rw'agateganyo (provisoire), icy'urwa burundu (définitif) cyangwa icy'intera (catégorie), bigomba gutegurana ubuhanga, bigahuza n'igihe *tugezemo*. Ibibazo ntibita- ngirwe gusa y'uko byanditswe mu bitabo by'amategeko y'imodoka by'i Bulayi cyangwa mu yandi mahanga, cyangwa se ko byabajijwe kuva kera. Ahubwo bakabaza ibyo babona koko ali ngombwa ngo umushoferi abimenye, mbese ibyamugilira akamaro mu kazi azakora k'ubushoferi.

Ngo haba hali n'abantu bajya babona izo mpusa mbere yo kwiga gutwara imodoka! Ni abo bamwe bita abapatoro! Ntawe uzi neza ukuntu bazibona, aliko ingaruka yabyo ijya igaragalira mu muhanda. Sinzi niba iyo umuntu atwaye imodoka atayizi neza ngo ni uko abifitiye uruhusa aba yatekereje abantu n'ibintu ashobora kwangiza uko bingana, ndetse na we bikaba byamuhitana. Aramutse abitekereje mbere ntiyabigira. Bene abo rero ni bo usanga bakora amarorerwa mu muhanda kuko ntacyo baba bishisha.

Byaba byiza rero kongerera mu gatabo ko gutwara imodoka aqapapuro bashobora kuzajya bandikaho amakosa yose akomeye umushoferi akora, italiki yayakoreyeho, n'izina n'igarede by'uwoze inyandiko-mvuga (procès-verbal). Bityo, aho umushoferi yafatirwa hose mu Rwanda bajya bamenya amakosa akomeye akunda gukora, byaba bikabije bakamwambura iyo mpamashyamba kuko ntacyo aba agishoboye. Kwambura ibyangombwa umushoferi igihe yagize ikosa likomeye (kuva ku cyumweru kimwe kugera nko ku mezi atatu) byatuma bitonde, ndetse byakabya cyane bakabitwara burundu. Ibyo byagabanya agisida, kandi bikaba bikijije imibili y'abantu benshi. Ibyo kandi byanafasha amashyamba y'ubwishingizi (SONARWA na SORAS) na leta mu gukora lisiti y'abashoferi ba ruharwa mu kugusha imodoka cyangwa gukora agisida, bakaba bafatirwa ibihano igihe cyo kwishyura izo modoka n'ibyangilitse cyangwa mu kubaha akazi. None se wowe nk'umushoferi ukora agisida buli gihe kubera kwihuta cyane, gusinda cyangwa kwanga kuberekerera abandi, ubwo bamureka agakomeza koreka imbaga? Ese kuki atafungwa? Umuntu yakwica abantu buli gihe bakamureka ngo ni uko imodoka atwaye ifite ubwishingizi, cyane cyane igihe amakosa ali aye?

Kuli ka gapapuro navuze bakongerera mu gatabo ko gutwara imodoka bateganywe umwanya bazajya bateramo kashi yo kwa muganga yerekana ko ubuzima bw'uuyifite bushobora gutuma atwara imodoka nta nkomyi.

.../...

Ubwo agatabo ko gutwara imodoka aho kugirwa n'urupapuro rumwe ruzinze, kagirwa n'ebyili cyangwa eshatu. Iyo kashi rero bajya bayiteramo buli myaka 5 ku bafite imyaka y'amavuko itarenze 45, buli myaka 3 kugeza ku bafite 55, na buli mwaka ku barengeje iyo myaka, bamaze kubasuzuma neza niba bagishobora gutwara imodoka. Abashoferi ba Leta n'abandi batwara imodoka zitali izabo(nka tagisi cyangwa kamyu) bagombaga gupimwa buli mwaka. Mu gutanga izo kashi kandi, abaganga bagomba kubigirana umutima-nama w'akazi nta kuvilinga nk'uko bijya bigenda limwe na limwe! Hali nk'abantu usanga batwaze imodoka zitabagenewe kandi baramugaye, cyangwa se abajahajwe n'indwara zo mu nda cyangwa z'amaso bigatuma badatwara imodoka neza. Ibyo se biremewe mu mategeko y'umuhanda?

4.2. Kugenzura imimerere y'imodoka (inspection de l'état technique du véhicule)

Ubundi nk'imodoka irengeje imyaka 2-3 ikora, yali ikwiliye kugenzurwa buli mwaka kugirango barebe niba igishoboye kugenda. Imodoka zose zidafite feri ifata neza, izahombanye cyane, izitagira amatara akora neza, izifite vola yajegeye, izigendera urubavu rumwe(non équilibré), izicumba imyotsi myinshi n'izisakuza bika-bije, izifite imipira yashaje cyane n'izindi zapfuye ibyuma bigatuma zitagenda neza, izashaje cyane(alizo bita"imbabura"), izo zose ntizigomba gucibwa amafaranga gusa, ahubwo niba zitanafunzwe ntizigomba no guhabwa uruhusa rwo kujya mu muhanda, kuko ahanini ali zo zitera agisida. Ubwo rero igaraji ya leta nka ONATRACOM cyangwa indi yabishingwamiyo yajya isuzuma ibyo, yarangiza igatanga icyemezo cy'uko imodoka imeze neza, cy'uko igomba kubanza gukoreshwa cyangwa ko igomba kutazasubira mu muhanda (déclassé). Kuki babigilira amatagisi gusa ntibikorerwe n'izindi modoka? Zo se ntizigenda mu muhanda cyangwa ntizishobora gukora agisida?

Umukanishi wagenzuye ibyo nawe agomba kubigirana umutima-nama ntavuge ngo imodoka imeze neza kandi atali byo kuko yenda ali iya naka ukomeye cyangwa se ngo nuko bamuhaye inyoroshyo ! Hali n'abakanishi bakuramo ibyuma bishya mu modoka baka-bisimbuza ibishaje. Bazajye batekereza nibura ingaruka yabyo.

Amatara y'inkazi bita SPOT LIGHT bongera ku modoka nayo yamaze abantu kubera gukoreshwa nabi. Ubundi bene ayo matara yagenewe gukoreshwa igihe cy'ibihu cyangwa cy'imvura y'umuvumbi hatabona neza, igihe cy'isiganwa cyangwa mu mu mashyamba igihe abantu bahiga. Ino rero usanga abayafite bayacana no kumanywa cyangwa nijoro, kandi asanzwe ku modoka aba ahagije(no mu mujyi n'ubusanzwe haba habona)! Ayo rero ashobora guhuma uturutse imbere akaba yakora agisida ku mpamvu zitamuturutseho. Mu Rwanda bene ayo matara akwiliye kugirwa n'imodoka zijya mu gusiganwa n'izabajya guhiga gusa, cyangwa se n'abayafite bagategekwa guhora bayapfutsese, agacanwa gusa igihe ali ngombwa koko.

.../...

Kwandika ibara ly'imodoka kuli "carte rose" (y'imodoka) byatuma bafata ku bulyo bworoshye imodoka zakwibwa bakazihindura ibara, ndetse bagatahura imodoka nyinshi zagendera kuli "plaque" (plaki) imwe kuko ziba zidasa aliko yenda zihuje ubwoko. Ibyo kandi bibaho. icyo gihe leta irahomba kuko haba handitse kandi hasora imodoka imwe gusa.

Hagomba no kubaho itegeko libuza gusana imodoka yakoze agisida nta cyemezo cy'ababishinzwe, kuko hali ubwo zikoreshwa zaragonze nk'abantu cyangwa ibintu zigatoroka, ndetse limwe na limwe bakazihindura ibara ntizimenyekanane.

Imitako bashyira mu modoka ni myiza, aliko hali abakabya bagashyiramo na za *ride* (*rideaux*) bigatuma batabona inyuma iyo retorovizeri ili imbere. Amatara maremare nayo agomba gukoreshwa neza igihe imodoka zihura kuko atuma haba agisida nyinshi. Amatara amulika inomeru, aya feri n'ayerekana icyerekezo cy'imodoka inyuramo nayo agomba kuba akora neza. Ihoni nalyo ligomba kuba lizima kandi likavuzwa gusa igihe ali ngombwa koko.

4.3. Kugenzura uko amategeko y'umuhanda akulikizwa.

Abajandarume bagenzura iby'imihanda bagomba kurushaho kwiyumvisha ko bidahagije guhana abakoze amakosa cyangwa gufata imodoka zitagira ibyangombwa bakazifunga. Ahubwo bagomba guhugura no kwigisha abantu. Twese ntabwo turajijukirwa cyane mu byerekeye amategeko y'umuhanda. Bo rero babijukiwemo bakwiliye kwigisha abantu, cyane cyane abagenza amaguru, aliko n'abashoferi bamwe basa n'aho batazi icyo bakora. Kuko kuvuga ngo bafite impusa ntabwo bihagije, cyane cyane iyo umuntu atekereje uko bamwe bazibona, kuko hali n'abaziforoda mu mahanga cyangwa mu Rwanda kandi batazi gutwara imodoka (hali abigeze no gufungwa kubera ibyo). Nkuko rero abandi bakoziba leta cyangwa ab'amasosiyete bahugurwa buli gihe (recyclage), abashoferi nabo, baba aba leta cyangwa ab'ibigo byigenga n'abandi bose, bakwiliye kujya bahugurwa. Bagasobanulirwa bihagije ingaruka agisida zitera, uko bashobora kuzilinda cyangwa bagasobanulirwa amategeko mashya bashyizeho; nk'ibimenyetso n'amatara yo ku muhanda. Hali nk'ababonye impushya kera batazi amategeko n'ibyapa byose byaje ubu cyane cyane abasaza n'abandi bakora mu cyaro. Kubivuga kuli Radiyo ntabwo bihagije kuko abashoferi benshi batayumva. Bakaba babereka nka filimi z'ibyerekeye agisida kugirango barebe amarorerwa bakora, maze bikosore. Gucibwa amafaranga gusa ntacyo bibungura, kuko byazatinda abemaze kuyagwiza bakazamera nka wa wundi wajyaga agonga abantu cyangwa amatungo agasiga sheki hejuru y'imirambo, cyangwa ngo SONARWA izaliha Noneho haje na SORAS.

Abashoferi bose bagombaga kwiga ibyo gutabara abagize agisida (secourisme). Ubwo Croix Rouge yabibafashamo. Umushoferi n'iyoyafatwa agacibwa amafaranga, agomba no gusobanulirwa ukuntu amakosa yakoze ali mabi, n'ibyago ashobora gutera, ntabwirwe nabi cyangwa ngo atukwe nkuko bikunda kugenda. Bityo yarushaho kwikosora.

Hali nko mu bihugu bimwe na bimwe bategeka abashoferi batali bamara umwaka batwara imodoka kugendera muli vitesi ntoya; ntibarenze kilometero 80 mu isaha, n'iyo umuhanda waba ali mwiza cyane. Iyo barengeje iyo vitesi ntabwo babona umuhanda neza kubera akamenyero gake. Banabuzwa gutwara imodoka igihe kirekire nk'amasaha arenze atatu batararuhuka, kuko mu maguru hali ubwo hazamo ibinya cyangwa bagasinzira, ubwo rero bakaba bakora agisida. Ndetse bene abo babategeka no gushyira ku modoka, imbere n'inyuma ahagaragara neza, ikintu kiliho ikimenyetso cy'agatangaro (!) kivuga ngo "WILINDE IMPANUKA"! icyo kikaba cyerekana ko ali umutangizi. Ibyo rero bikaba byatuma abandi bashoferi n'abagenda burenge bamumenya bakamugendera kure, kubera ko ashobora kwibeshya agakora amakosa. Kandi no mu muhanda ategakwa kugendera ahagereye umuferege kuko aba agenda buhoro. Ibyo byose murumva atali byiza? Ibyo se mu Rwanda bitegetswe ntibyagabanya agisida nyinshi? Alike kandi ikimenyane n'ubucuti hagati y'abashoferi n'abajandarume nabyo bituma batabakontorora cyane n'amakosa ntibayabahanire.

Hali n'abashoferi bakora amakosa ngo ni uko abajandarume batabareba. Ese ubwo ntawaha abagenzi uruhusa rwo kurega abantu nk'abo? Ese ntabwo bashobora gushyiraho abagenzura iby'imihanda batambaye imyenda ya gisilikare nkuko abakontorora za Otobisi bameze? Ibyo byatuma abashoferi baba bali mu makosa babona abajandarume bagaceremba, bafatwa ku bulyo bworoshye!

Ikibazo cy'amapikipiki na cyo giteye inkeke. Amenshi yigendera nta nimeru, nta byangombwa n'abazitwara nta burenganzira babifitiye, nta na za ngofero bita "casque". Mu giturage ho birakabije cyane, aliko no mu muji si shyashya. Ushidikanya azagere kuli "station" Taxi-Moto Nyabugogo na Gakinjoro yirebere. Mu giturage rero bali bakwiliye guha ba Burugumesitiri cyangwa abapolisi uruhusa rwo kuyafata (nk'uko babigira ku magare) kuko abajedi batahagera kandi amapikipiki aliho akorerwa amarorerwa. Limwe na limwe kandi aba yaranibwe mu muji. Bene ayo n'iyo agonze ntawayatahura kuko nta nimeru aba afite. No mu muji ni uko. Usanga amapikipiki anyuramwo imbere y'ibitaro (kwa muganga) anasakuza cyane kandi aho atagomba kuhanyura. Hali n'ayo usanga ahetse abantu batatu cyangwa atwawe n'utwana duta. Ibyo se n'iki? None yahindutse amatagisi! Ibyo ntabwo ali bibi kuko yangura abantu benshi, gusa iyaba yagiraga ibyangombwa. Abakozi bo mu Buyobozi bukuru bw'ibyerekeye gutwara ibintu n'abantu (Direction Générale des Transports) na bo bagira uruhare runini mu gutuma amategeko yerekeye umutekano mu muhanda yubahirizwa, cyane cyane ku modoka za Leta. Imodoka za Leta ahanini nizo zikora agisida zikiri nshya kubera ko zititabwaho cyane.

Iyaba bashyiragaho ibihano bakulikije amakosa akorwa, bigatangazwa, umuntu wese akaba abizi. None se wowe uhagalitse imodoka nabi, uwihuta cyane, utabererekera abandi, utwaye imodoka atabifitiye uruhusa, cyangwa yasinze, ufite amatara maremare cyangwa magufi ataka neza ku manywa, utanditse izina lye ku modoka, uwarengeje umubare w'abo agenewe gutwara, utwara imodoka irwaye cyane n'udakulikiza ibyapa by'umuhanda, bakwiliye gucibwa amafaranga asa n'aho angana? Muli abo se uwakworeka imbaga ni nde? None se ubu twavugaga ko mu bajandarume haliho abakobereye mu by'amategeko y'umuhanda cyangwa bakora ibyo bishakiye? Ubundi koko nko gufata umuntu ku manywa (izuba liva) ngo n'uko amatara maremare cyangwa magufi y'imodoka atwaye adakora (andi yose akora neza)

byaba ali urugomo kuko ayo matara aba adakenewe icyo gihe. Aliko kubera ko abajedi bada-
kora nijoro, ntacyabemeza ko iyo modoka itagenda nijoro idafite ayo matara. Ibyo rero
abashoferi bagombaga kutabyinubira kuko ntakundi byagenda. Ntibakavuge ngo abajedi bara-
bahohotera! Ubundi koko iyaba bakoraga na nijoro bene ayo makosa ni cyo gihe yagombye
guhanirwa. Abajedi bakunda gufata ay'icyayi ngo nabo baba bakiliho! Bazajye bibaza inga-
ruka zabyo kuli rubanda nyamwinshi.

4.4 Gutwara imodoka

Umushoferi niba atwaye imodoka ntagomba kurangara ngo yitwalirwe n'ibindi. Kandi
niba akoze amakosa agafatwa agahanwa, ntakavuge ngo umujedi aramwanga cyangwa ngo yaramu-
kanye umwaku, ahubwo nagerageze kwikosora. Ubundi umushoferi mwiza si ufite impamyabusho-
bozi cyangwa udakora amakosa gusa, ahubwo ni utayakoresha n'abandi kandi agakulikiza amate-
geko yose y'umuhanda n'igihe batamureba. Abasore bo rero ibyo ntibabyikoza. Nkiyo badomo-
tse usanga bagenda nk'umurabyo ntacyo bikopa, naho iyo balikumwe na ba "sheri"babo,
usanga alibo barangamiye imodoka yitwaliwe n'Imana! Abatwara imodoka za Leta bagenda
bazitimbura aho babonye, niyo zitagonze zisaza imburagihe. Abatwara tagisi nabo bihuta
bacuranwa abagenzi, ugasanga basa nkaho batazi amategeko y'umuhanda icyo alicyo. Ugira
ngo ndabeshya azigerere kuli "Gare routièrre" i Kigali mu gitondo kare. Hali n'abashoferi
basuzugurana cyangwa bagahimana, baba mu muhanda cyangwa aho babyagiza imodoka. Ufite
ikamyo agasuzugura ufite ivatiri, bese bagasuzugura ugenda ku ipikipiki, ku igare cyangwa
burenge, kandi amategeko abafata kimwe. Ibyo rero bagomba kubyilinda.

Hali n'abakoresha iterabwoba bakangisha amagarade n'imilimo ya ba shebuja ; ngo
imodoka n'iyi naka ukomeye niyo abajedi bayifata bahita bayirekura. Bene abo basuzu-
gura abashinzwe umutekano mu muhanda(aka wa mugani ngo "uhagalikiwe n'ingwe aravoma").
Hali nabavuga ngo kanaka mwene wacu niwe wampaye akazi ntacyo bankoraho, koko rero yagu-
sha imodoka ku makosa ye bakamuha indi, kuko ali ibya Leta. Aliko ali izabo bwite ntibabi-
kora. Abajya bavuga ngo "umuntu wasinze atwara imodoka neza" bazasobanure ubwo buhanuzi
aho babukuye kuko kugeza ubu nta muganga cyangwa umushakashatsi n'umwe urabihamya! Abo bese
rero nibo bakunda gukora agisida. Bakwiye kwisubiraho, bakwumva ko yaba umukire cyangwa
umukene, yaba umunyamujyi cyangwa umunyacyaro, umuntu wese ali umuntu. Kandi bakamenya
ko imodoka ali ikintu kitazi ubwenge, igihe tucyizera niho gishobora kudukemurira(nko
kwilingira feri) . Ntibagombaga rero no gutwara imodoka bazi ko zirwaye kabone niyo ba
Shebuja babibahatira. Ni bo ubwabo bagomba kumenya ingaruka zabyo. No kumenya ubukanishi
buke byabagilira akamaro.

4.5. Kugenda n'amaguru mu muhanda

Abagenda n'amaguru n'ubwo batabuzwa kugenda mu muhanda, bagomba kwibuka ko mu
muhanda rwagati hagenewe kunyurwa n'imodoka gusa. Ntibazakangishe rero ngo nabo barasora!
Nta gitangaza nko kubona abantu bagati mu muhanda bahagazemo ntacyo bikopa. Hali n'abajya
balyamamo bagirango bali iwabo. Ibyo bigirwa cyane cyane na bamwe bava mu makwe cyangwa
mu tubali basinze. Hali n'abanyabumenyi(noye kuvuga abanyabwenge kuko bo batabigira)
usanga banyuramo bizama ibitabo cyangwa abambukiranya(iyo badahagazemo ngo biganilire) batitegereje neza

niba nta modoka zaje, cyane cyane nk'iyoye basohotse muli tagisi cyangwa otobisi, cyangwa ngo bambukire aho bagenewe. Ibyo bigirwa nanone n'abava mu kazi, mu misa no mu minsi mikuru, muli animasiyo no mu muganda, cyangwa bava mu masoko n'abana bava kwiga. Hali n'ababyagiza cyangwa banyuza amatungo mu muhanda.

Abo bose rero bakwiliye gusobanulirwa iby'amategeko y'umuhanda ndetse limwe na limwe bakaba bacibwa ibihano nk'abashoferi bakoze amakosa, kuko nabo bashobora guteza impanuka.

Byaba byiza ko abana biga, ali mu mashuri mato cyangwa ayisumbuye, cyane cyane abiga mu muji, kubigisha uko bagomba kwifata ku mihanda bayambuka. Abagenda buzunge bo babasobanulira na bo uko bambuka imihanda; nk'ahali amatara, imirongo yera bita "zèbre" n'ahandi hose bagenewe kwambukira.

Ku batuye mu muji, abenshi bakomoka mu cyaro. Ntibizabatangaze rero kubona umuntu ajarajara mu muhanda yabuze aho ahungira imodoka, ntabwo aba yaligeze na limwe abisobanulirwa.

Igihe bishoboka ahubwo, ibyo guhugurwa byajya bikorerwa n'abaturage igihe cy'amanama ya selire, ya segiteri cyangwa ya Komini, ndetse no mu bigo bigenewe gutsura amajyambere (C.C.D.F.P.). Aliku n'abafite imodoka bazajye bazilikana ko na bo ubwabo cyangwa ababo bashobora kugenda n'amaguru, kandi ko n'izo modoka batazivukanye! Bazajye bubaha n'abanyamaguru rero!

4.6. Gukora imihanda

Abubaka imihanda n'abayubakisha bakwiliye kuyikora neza kandi bakayigira migali *ntibagabanyeho* santimetero cyangwa ngo badupfunyikire amazi nk'uko byakunze kuboneka! Bagomba kuyisana itarangilika cyane cyane kandi bagateganya n'aho abagenza amaguru bashobora kwambukira cyangwa kunyura. Kuyihanamisha na byo binaniza imodoka cyane cyane izipakiye byinshi, zikaba zasaza imburagihe.

Niba haruguru y'umuhanda hacuranye, bagombaga kuhakora nk'ingazi kugirango babone uko bahatera ibyatsi cyangwa ibiti birwanya isuri n'inkangu.

Haba mu muji cyangwa mu cyaro, ibyapa bibwiliza abashoferi ntabwo bihagije kubwira byaba byiza kongerwa. Ntabwo kandi ibyapa byo kubahiliza vitesi bitarenze

kilometers
40 mu isaha mu muji (nk'i Kigali) cyangwa 60 mu makomini, ibyo ntabwo abashoferi benshi babyubahiliza. Mu kugenzura rero iyubahilizwa ly'amategeko y'umuhanda, ibyo bali bakwiye kubwitaho cyane ndetse n'izo vitesi bakaba bazigabanya bibaye ngombwa, kandi bagahana cyane umushoferi urenze kuli ayo mabwiliza, kuko agisidya nyinshi zo mu muji ndetse n'ahandi aho zikomoka.

.../...

Ese kuki mu Rwanda ibyapa byose bisobanurwa mu gifaransa? Ubundi, kubera ko igishushanyo kili ku cyapa kiba kizwi n'abashoferi b'isi yose, ibisobanuro bongeraho bigomba ^{kwandikwa} mu rulimi rw'igihugu icyo cyapa kilimo, ni ~~ko~~ n'ahandi bigenda. Bitabaye ibyo, sinzi impamvu tutabisobanura nko mu cyongereza cyangwa mu giswayire, kuko abashoferi benshi bazi izo ndimi! Hali ingero nyinshi.

Hali n'ibindi byagira akamaro, nko: kudashora imodoka, kudashyira abana mu mwanya w'imbere mu modoka, kutarangeza no kudacokoza umushoferi, kwizilika umukandara, kugenzura buli gihe ibipimo byose by'amavuta ya feri n'ayo ~~muli moteri~~, amazi yo guhoza moteri n'ayo muli bateri, ibipimo bya lisansi ndetse n'insinga z'amashanyarazi no gushyira ibyapa ~~ahantu~~ hagaragara neza, n'ibindi...

Ibyo nashyize muli iyi nyandiko bikulikijwe neza, nibura 80 % z'agisida ziba mu Rwanda zagabanuka. Kandi nta gitangaza kilimo. Bishobora gukorwa abategetsi babishatse kandi bakabigenzura, kuko no mu bindi bihugu byagezweho. Iyo tudashaka kubakopera, ntituba twaremeye ko n'imodoka zigera mu Rwanda, kuko ataliho zikomoka!

Higeze kuvugwa iby'akanama kaziga iby'umutekano mu muhanda (Conseil National de sécurité routière), abakagize rero bakwiye kugira vuba ibitekerezo byabo bikajya mu bikorwa, ndetse na lya shuli lya Leta bavugaga ngo liziqisha ibyo gutwara imodoka ligatangira vuba, kuko lyaramira abantu benshi, ndetse lyazabafasha no guhugura abasanzwe ari abashoferi. Abashinzwe ubutegetsi bw'umutekano mu muhanda bali bakwiye kwandika udutabo mu kinyarwanda two gukangura imbaga ku byerekeye ibibazo byose bya agisida, bigakorwa buli mwaka, kandi bagategeka abashoferi n'abandi bese batunze imodoka kudasoma, kugirango bamenye ibyo bamaze kutugezaho mu majyambere y'imodoka! Umenya byatuma bitonda kurushaho. N'abagenda burenge kubimenya byabagilira akamaro. Kubera kandi ko imanza zireba ibyerekeye agisida ari nyinshi, uwashyiraho urukiko rwihaliye (Tribunal de police) rugenewe gukemura bene ibyo bibazo, byakworohereza parike n'izindi nkiko ; izo manza ntizirambirane cyane.

Mu gusobanura ibi byose no gutanga imwe mu miti ya ngombwa kugirango agisida zigabanuke, ntabwo nirengagije ko igihugu cyacu gifite ingorane zitoroshye, haba mu kubona abakozi bahagije, ibikoresho byinshi bikenewe n'abashinzwe kugenzura iyubahirizwa ly'amategeko y'umuhanda, n'ibindi... Alike urebeye hafi ~~iby~~ navuze byose, ibyinshi ntibigomba amafaranga menshi kandi bihagurukiwe nk'umwaka umwe ibili, amafaranga yatagaguzwaga (nkuko byali bimeze kuli lisansi) yagira akamaro cyane. Inzego nyinshi z'imilimo zahombaga zahungukira. Icyangombwa rero kugirango ibyo bigerweho, hagomba ubufatanye buhamye hagati y'abantu bese, aliko cyane cyane ^{hagati} y'inzego zishinzwe ibyo bibazo.

.../...

Twavuga nka GENDARMERIE, MINITRAPE, MINITRANSCO, MINIPLAN, MININTER, MINISAPASO, MINIJUST, MINEPRISEC, ONATRACOM, ORINFOR, SONARWA, SORAS, Isanduka y'Ubwiteganyilize bw'Abakozi, n'abandi bose batanga akazi k'ubushoferi, haba muli Leta n'ibigo byayo cyangwa abikorera ku giti cyabo.


Mbese twavuga nanone ko ibyo bibazo byerekeye agisida z'imodoka bireba:

- Umunyarwanda wese utunze imodoka;
- Umushoferi utwara imodoka,
- Umukanishi usana imodoka,
- Umugenzi ugenda mu modoka,
- Umwubatsi w'amateme n'imihanda,
- Umunyamaguru unyura cyangwa unyuza amatungo n'ibintu mu muhanda,
- n'ushinzwe wese gushyiraho amategeko y'imihanda no kugenzura iyubahirizwa lyayo.

Kwita kuli icyo kibazo ku buho bwihaliye, gukangura no kumvisha abantu impamvu zitera agisida, ingaruka zazo n'ubulyo bwo kuzilinda, gusobanura neza amategeko agenga iby'umuhanda, kuyavugurura kugirango ahuze n'igihe tugezemo, kugenzura cyane uko akulikizwa, guhana bihagije abanyamakosa no gutunganya imihanda, ni bimwe muby'ingenzi bishobora gutuma agisida z'imodoka zigabanuka.

Ibyo kandi bigezweho ntawe bitagirira akamaro. DUFATANYE RERO TWESE!

MAGAMBO Francois.

 le 10. mars 1985

LES SOURCES DOCUMENTAIRES

1. Référence bibliographique

. en langue roumaine

- Cristea P. : Practica automobilului. Edit. tehnica, Bucuresti, 1966.
- Dr Constantin Gorgos : Accidentul de circulatie. Edit. medicala, Bucuresti, 1976.
- Constantin Goru Blaj : Psihologia Conducatorului Auto. Edit. stiintifica si enciclopedica, Bucuresti, 1978.
- C. Ursoniu, C. Dumitrescu : Poluarea sonora si consecintele ei. Edit. FACLA, Oradea, 1976.
- Gabriel Paparizu : A.B.C. ul Conducerii Autoturismului. Edit. Sport-Turism, Bucuresti, 1978.
- Dr Gh. Dragu : Toponimie geografica, partea I-a. Edit. C.M.U. Bucuresti, 1973.
- General m (r) Haralambie Vlasceanu, Colonel Valeriu Buzea, Colonel Victor Beda : Circulatia rutiera moderna. Edit. Sport-Turism, Bucuresti, 1976.
- N. N. Constantinescu : Economia protectiei mediului natural. Edit. politica, Bucuresti, 1976.
- Vlasceanu H., Beda V. : Circulatia rutiera. Edit. stiintifica, Bucuresti, 1968.

. en français et autres

- Dominique et Michèle FREMY : Quid 1985. Edit. Robert Laffont, Paris, 1984.
- F. Reyntjens, J. Gorus : Codes et Lois du Rwanda; vol. I, II, III, et IV. (U.N.R. Fac. de Droit), Edit. Ets E. Bruylant, Bruxelles, 1979.
- Giscard P. H. : La psychologie de la sécurité et les risques d'accident chez les conducteurs des voitures. Le travail humain, Paris, 1966.
- I. Guerassimov et colab. : Homme, Société et Environnement. Académie des Sciences de l'URSS-Institut de Géographie; Edit. du Progrès, Moscou, 1975.
- Lecret F., Pottier M. : La vigilance, facteur de sécurité dans la conduite automobile. Le travail humain 34 n°1, Paris, 1971.
- MAGAMBO François : Aqisida nyinshi ziterwa n'abashoferi. Articles parus dans Kinyamateka n° 1189 et 1190, Impr. Kabgayi, 1984.
- Mostafa Kamal Tolba : Développer sans détruire: pour un environnement vécu. Edit. française, PNUÉ- Impr. St Paul, Dakar, 1984.

.../...

- Roche M. : L'automobile et la vie quotidienne. Psychologie française n° 4, Paris, 1966.
- Major Ukulikiyeyezu J. D. : Ilinde impanuka. Edit. Impresco - Kigali.
- RAFIKI : Amategeko y'Umuhanda, 4è édition. Rafiki Club, mai 1984
- DPEPERAI : Ubumenyi bw'isi, Amateka n'Uburere mboneraqihuqu 2ème C.E.R.A.I. Edit. Impresco - Kigali, 1983.
- SONARWA : Road Safety Study, August 1984; by The Royal Society for Prevention of accidents (England) - Kigali, 1984.
- x x x x x : Nouveau code de la route. Edit. Journal Officiel de la République du Zaïre, janvier 1979.
- x x x x x : Code ROUSSEAU, 110è édition SECA Cedex, Paris.
- x x x x x : Imvaho n° 555, 565 et 572. Edit. ORINFOR 1984-1985, Kigali.

2. Les enquêtes auprès:

- des garages: chefs des garages et mécaniciens,
- des chauffeurs de l'Etat et privés ou en chômage, de différents âges,
- des vieux et jeunes possesseurs des véhicules privés,
- des motocyclistes(de Nyabugogo , Gakinjoro et autres),
- des cyclistes
- des piétons (en ville et à la campagne)
- des instructeurs privés pour la conduite auto,
- des agents de circulation routière(officiers, sous-officiers et simples),
- des services de sécurité routière (de Kigali et Ruhengeri),
- du lieu d'examination pour les permis de conduire(à Kigali).

3. Les statistiques en provenance:

- des services de sécurité routière(de Kigali et Ruhengeri),
 - de la Direction Générale des Transports(MINITRANSCO),
 - de la SONARWA,
 - de la Caisse Sociale du Rwanda,
 - du Centre Hospitalier de Kigali,
 - du Ministère des Finances et de l'Economie,
 - etc...
-